



Kinyarwanda Version

# Gahunda ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika yo Kwakira Impunzi



gihe uri impunzi ukaba udashobora gusubira mu gihugu waturutsemo, ushobora kwemererwa kwimurirwa mu kindi gihugu. Ibi byitwa *gutuza impunzi*. Guhabwa ubuhungiro mu kindi gihugu bisaba ko wemerwa urebye ibisabwa bijyanye n'iyo gahunda. Buri gihugu mu bihugu byose byemera gutuza impunzi kigira inzira yihariye itandukanye n'iyikindi.

Leta Zunze Ubumwe za Amerika ni kimwe mu bihugu muri iyi si cyemera gutuza impunzi. Guhera mu mwaka wa 1980, abanyamerika bakiriye impunzi zirenga miliyoni 3 ziturutse mu mpande zose z'isi binyuze muri **Gahunda ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika yo kwakira Impunzi**.

Buri dosiye isaba gutuza impunzi iba yihariye kandi igehe imara kugira ngo nyirayo yemererwe gutuzwa na Gahunda ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika yo kwakira Impunzi giterwa n'ibyo buri wese yanyuzemo. Gutuzwa mu kindi gihugu ni amahirwe aboneka ku mubare muto w'impunzi. Kugira ngo utangire icyo gikorwa, gisaba igehe no kwhiangana yaba ku ruhande rwave no ku rwa Leta ya Amerika, ugomba kwiyumvisha neza ko witeguye gutuzwa muri Leta zunze Ubumwe za Amerika niba bigaragara ko wujuje ibisabwa kugira ngo wemerewe.

Iyo wemerewe gutuzwa muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika binyujije mu Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye Ryita ku Mpuni (UNHCR), ukurikiza ibi bikurikira:



## SICYICIRO CYA MBERE: IKIGANIRO KIBANZIRIZA IJONJORA

Icyiciro cya mbere muri Gahunda ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika yo kwakira Impunzi ni Ikiganiro Kibanziriza Ijonjora kigamije kukumenya ugikorera ku Kigo Gitera Inkunga Igikorwa cyo Gutuza Impunzi,. Leta ya Amerika itera inkunga imiryango mpuzamahanga itegamiye kuri Leta kugira ngo itume Ibigo Bitera Inkunga Igikorwa cyo Gutuza Impunzi bibasha gukora.

RAbakozi b' Ikigo Gitera Inkunga Igikorwa cyo Gutuza Impunzi bazareba ibyangombwa bikuranga hanyuma bagukorere idosiye (hamwe n'umuryango wawe, niba muri gusabira hamwe). Bazagufotora. Bakubaza ibibazo by'ingenzi bijyanye n'ubuzima wanyuzemo hanyuma bakegeranya amakuru ajanye n'amateka y'ubuzima bwawe kugira ngo batangire basuzume ibijyanye n'umutekano w'ibazwe.

Muri izo nzira zose, amakuru watanze azoherezwa ku bindi bigo bya Leta zunze Ubumwe za Amerika kugira ngo hasuzumwe ibijyanye n'umutekano. Ibi bigo bikora iperereza ku makuru watanze kugira ngo biringire ko ari ukuri kandi yuzuye. *Rimwe na rimwe, ibyemezo by'umutekano bishobora kumara amezi menshi bitaruzura ndetse, rimwe na rimwe, Leta ya Amerika ikabikwima.*

## ICYICIRO CYA KABIRI: IBAZWA RYA SERIVISI ZA LETA ZUNZE UBUMWE ZA AMERIKA ZISHINZWE UBWENEGIHUGU N'ABIMUKIRA

Ikigo Gitera Inkunga Igikorwa cyo Gutuza Impunzi kizakumenyesha gahunda yo kuganira n'umukozi wo muri Serivisi za Leta zunze Ubumwe za Amerika zishinzwe Ubwenegihugu n'abimukira gikorera m' Urwego rwa Leta zunze Ubumwe za Amerika rushinzwe Umutekano w'Imbere mu Gihugu. Bazakubaza ibibazo byinshi bisa n'ibyo wasubije mu kiganiro Kibanziriza Ijonjora cya mbere, Usabwa gusubiza mu buryo burambuye kandi ukagerageza gusubiza neza uko ubishoboye.

Serivisi zishinzwe Ubwenegihugu n'Abimukira ni zo zizemeza bidasubirwamo ko wemerewe gutuzwa muri Leta zunze Ubumwe za Amerika. Ikigo Gitera Inkunga Igikorwa cyo Gutuza nikimara kwakira amakuru aturutse muri Serivisi zishinzwe Ubwenegihugu n'Abimukira ku byemezo byafashwe kuri dosiye yawe, uzamenyeshwa:

- Niba wowe n'abagize umuryango wawe mwemerewe gutuzwa muri Leta zunze Ubumwe za Amerika;
- Niba wowe n'abagize umuryango wawe MUTEMEREWE gutuzwa muri Leta zunze Ubumwe za Amerika; cyangwa
- Niba Serivisi zishinzwe Ubwenegihugu n'Abimukira zikeneye ikindi gihe kugira ngo bemeze niba wemererwa.



**Muri izo nzira zose, amakuru watanze azoherezwa ku bindi bigo bya Leta zunze Ubumwe za Amerika kugira ngo hasuzumwe ibijyanye n'umutekano. Ibi bigo bikora iperereza ku makuru watanze kugira ngo biringire ko ari ukuri kandi yuzuye. Rimwe na rimwe, ibyemezo by'umutekano bishobora kumara amezi menshi bitaruzura ndetse, rimwe na rimwe, Leta ya Amerika ikabikwima.**

Nibakumenyesha ko idosiye yawe yemerewe cyangwa bagitegeree icyemezo, ubusabe bwawe buzakomeza gukurikiranwa mu nzira zabugenewe. Ariko rero, *buri dosiye igomba gusuzumwa n'inzezo z'umutekano muri izo nzira zose. Ibyemezo kuri dosiye bishobora guhinduka iyihe icyo ari cyo cyose.*



## ICYICIRO CYA CYA GATATU: KWIPIMISHA INDWARA

Wowe n'undi wese mu bagize umuryango wawe muzahabwa gahunda yo kwipimisha indwara buri wese agomba kwitabira. Hari iyihe Kwipimisha indwara bishobora gukorwa mbere yo kuganira na Serivisi za Leta zunze Ubumwe za Amerika zishinzwe Ubwenegihugu n'abimukira. Usabwa kuzana impapuro zose wivurijeho cyangwa wakingiriweho ufile. Mbere yo kugenda impunzi zibanza gukingirwa inshuro zitandukanye.

## ICYICIRO CYA KANE: IBIGANIRO BIJYANYE N'UMUCO

Ikigo gitera Inkunga Igikorwa cyo Gutuza Impunzi Kigushyiriraho gahunda yo kwiga ibijyanye n'umuco aho uzahabwa amakuru y'ingenzi ajyanye no kujya muri Leta zunze Ubumwe za Amerika n'ibyo uzabona ugezeyo.

Muri icyo gihe, Ikigo Gishinzwe Gutuza Impunzi muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika gifatanya na Guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika mu rwego rwo kuguha ubufasha wowe n'umuryango wawe iyo uramutse ukomeje mu kindi cyiciro. Iyo umaze guhabwa icyangombwa cy'umutekano, bakumenyesha aho uzerekera muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika hanyuma bakakwemerera kugenda.



## ICYICIRO CYA CYA GATANU: URUGENDO

Kuri uru rwego, Ikigo gitera Inkunga Igikorwa cyo Gutuza Impunzi gikorana n'Umuryango Mpuzamahanga Ushinzwe Abimukira (IOM) bakaguha gahunda y'indege izakugeza muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Usabwa gusinya amasezerano y'inguzanyo itunguka **bita "Promissory Note"**, y'amafaranga y'urugendo. Ugomba kuzishyura inguzanyo y'amafaranga y'urugendo mu myaka itatu n'igice nyuma yo kugera muri Leta zunze ubumwe za Amerika.

Mu gihe uzaba witegura kugenda, ugomba kwipimisha indwara mbere y'uko ugenda. Ibi bifasha kumenya niba ugiye uri muzima bihagije cyangwa niba ukeneye kwitabwaho n'abaganga mu gihe uri mu rugendo.

## ICYICIRO CYA GATANDATU: UGEZEYO

Nugera muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, uzakirwa ku kibuga cy'indege n'umuntu uhagarariye Ikigo Gishinzwe Gutuza Impunzi (cyangwa na mwene wanyu, niba hari uwo ufile uba muri Leta Zunze za Amerika). Ikigo Gishinzwe Gutuza Impunzi gifite inshingano zo kugufasha kubona servisi z'ilbanze mu minsi ya mbere 30 kugera kuri 90 ugeze muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Iyo ugezeyo, uba ufile uburenganzira n'inshingano byo gukora muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika kandi Ikigo Gishinzwe Gutuza Impunzi kiguhuza n'abakoresha batandukanye. Niba ufile abana bari mu kigero cyo kwiga, bashobora kwiga mu ishuri rya Leta bahageze.



## NYUMA YO GUTUZA IMPUNZI

Nyuma y'umwaka umwe ugeze muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, usabwe kwandika usaba kuba umuturage utuye burundu mu buryo bwemewe n'amategeko. Nyuma y'imyaka itanu uhageze, ushobora gusaba kuba umwenegihugu wa Amerika, ufile uburenganzira n'inshingano zimwe n'iz'abandi banyamerika.



Serivisi zose zo gutuza impunzi zitangirwa ubuntu. Nta na rimwe byenewe ko hagira uwishyuza serivisi iyo ari yo yose ijyanyo no gutuza impunzi Niba hari ugusabye amafaranga, akaguhatira gusaba gutuzwa, akubwira ko yagukurikiranira cyangwa akagusunikira idosiye, cyangwa akagutera ubwoba mu buryo ubwo ari bwo bwose, usabwe kubimenyesha Ikigo Gitera Inkunga Igikorwa cyo Gutuza Impunzi



The contents of this fact sheet were developed under an agreement financed by the Bureau of Population, Refugees, and Migration, United States Department of State, but do not necessarily represent the policy of that agency and should not assume endorsement by the Federal Government. This material is in the public domain and may be reproduced.